# **Umusoro ku mutungo utimukanwa** ni iki?

Umusoro ku mutungo utimukanwa
**ni umusoro ucibwa ku mutungo uri ahantu udashobora kuvanwa mu buryo mbumbe ngo wimurirwe ahandi n'ibindi biwongerera agaciro.**



3004 @rrainfo Rwanda Revenue Authority Rwanda Revenue

HERE FOR YOU TO SERVE

RRA

## Ninde urebwa no **kumenyekanisha umusoro ku mutungo utimukanwa?**

Umusoro ku mutungo utimukanwa umenyekanishwa ukanishyurwa **na nyir'umutungo, umuhagarariye cyangwa undi muntu ufatwa nka nyir'umutungo.**

## Ni inde ufatwa nka **nyir'umutungo utimukanwa?**

**"Nyir'umutungo utimukanwa"** bivuga **umuntu wanditswe nka nyir'uwo mutungo cyangwa ufite ubundi burenganzira ku mutungo n'ufatwa nka nyir'umutungo** hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.



Umusoro ku mutungo utimukanwa **umenyekanishwa ryari?**

Umusoro ku mutungo utimukanwa **umenyekanishwa ukanishyurwa bitarenze tariki 31 Ukuboza za buri mwaka.**



## Umutungo utimukanwa **uhuriweho usorerwa nande?**

Iyo umutungo utimukanwa uhuriweho na ba nyirawo barenze umwe, abo bawuhuriyeho **bagena kandi bagaha uburenganzira umwe muri bo cyangwa undi muntu kugira ngo abahagararire bose.**

## Umusoro ku mutungo utimukanwa **ubarwa hashingiwe ku ki?**

Umusoro ku butaka butubatsweho wemezwa n'Inama Njyanama y'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali, harebwe aho buherereye (umujyi cyangwa icyaro), icyo bwagenewe gukoreshwa n'ibikorwaremezo bihari. **Igipimo kigomba kuba hagati y'amafaranga 0-80 kuri metero kare.**

**Iyo ubutaka bwubatsweho, itegeko ryateganyije ibipimo bidahinduka bishingiye ku gaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza.**

## Ibipimo by'umusoro w'ubutaka buriho inyubako **biteye bite?**

- **0,5%** by'agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza byagenewe guturwamo
- **0,3%** by'agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza byagenewe ubucuruzi
- **0,1%** by'agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza byagenewe inganda, inyubako n'ikibanza by'ibikorwa by'ubucuruzi bito n'ibiciriritse.

Ese abantu baguze cyangwa babonye **umutungo utimukanwa mu mwaka wa 2024 nabo bararebwa no kwishyura umusoro?**

**Yego,** umuntu wahawe uburenganzira bwo kwitwa nyir'umutungo utimukanwa **agahabwa icyangombwa cy'uwo mutungo muri uyu mwaka, nawe afite inshingano zo kuwusorera niba uwo mutungo utari warasorewe n'uwari uwufite mbere.**